Ninde ukwiriye gufatirwa ibipimo? Ese napimwa?

Umuntu uwo ariwe wese wujuje ibigendarwaho bivugwa hasi ashobora gupimwa COVID-19:

- Umuntu wese ugaragaza ibimenyetso bya COVID-19
- Abakozi bakora muri serivisi z'ubuzima
- Umuntu wese uri hejuru y'imyaka 60
- Umuntu wese usanzwe afite ibibazo by'ubuzima
- Ubagize umuryango wa bantu bavuzwe hejuru
- Ubakozi bita ku bana
- Abakozi bidashobokera kwirinda guhura n’abandi cyangwa rubanda nyamwishi
- Umuntu wese wahuye n’urwaye ariko we akaba ataragaragaza ibimenyetso

Ni gute nshobora gupimwa?

Ushobora gupimwa na:

- Uhamagaye uguha serivisi z'ubuzima
- Uhamagaye abatanga serivisi z'ubuzima muri rusange kuri nimero 1-833-263-0131
- Wayandikishije ku ifishi igenewe abapimwa cyangwa ugahamagara kuri 603-271-5980
- Hamagara Ibiro by'umugi wa Nashua bishinzwe Ubuzima rusange bw’abaturage kuri nimero 603-589-3456 niba utuye muri uwo mugi.
- Ku batuye mu bice bya Greater Manchester, mwahamagara umurongo ushinzwe gukurikirana indwara ya COVID-19 i Manchester kuri nimero 603-668-1547 niba mushaka kumenya uburyo mwapimirwa mu gace mutuyemo.

Ese gupima ubudahangarwa ku ndwara ni iki? Ese napimwa ubudahangarwa bw'umubiri ku ndwara ya COVID-19?

Ibipimo ku budahangarwa ku ndwara bisuzuma amaraso y'umuntu ko afite ubudahangarwa ku ndwara ya SARS-CoV-2, no kuri virusi itera COVID19. Ubwo budahangarwa ku ndwara buterwa nuko umuntu yigeze kwandura, Ibimenyetso bibyemeza bigaragaza ko uwo muntu yigeze kwanduraho iyo virusi. Ibipimo by'ubudahangarwa ku ndwara ubu biboneka binyuze muri laboratwari y'ubucuruzi igaragaza ibipimo by'ubudahangarwa bw'umubiri ku ndwara ya SARS-CoV-2. Ibipimo by'ubudahangarwa bw'umubiri ku ndwara ntibigomba gukoreshwa mu gupima ubwandu bwa COVID-19 mu gihe gito kubera ko bifata ibyumweru 2 nyuma yo kwandura kugira ngo ibipimo by'ubudahangarwa bw'umubiri ku ndwara bigaragare. Ntibiramenyekana neza niba umuntu wemejwe ko afite ubudahangwarwa bw'umubiri ku ndwara bishobora kuzamurinda kongera kwandura SARS-CoV-2 cyangwa se kuzanduza bandi. Buri muntu wagaragaje ko afite ubudahangarwa ku ndwara ya COVID-19 azahamagarwa n'Ishami rishinzwe ubuzima rusange bw'abaturage.

Ese birashoboka gufatirwa ibipimo mbere mu ntangiriro z'indwara?

Mu ntangiro z'ubwandu, birashoboka ko virusi ishobora kutagaragazwa n'ibikoresho byifashishwa mu gupima.

Numvishe ko bigoye kubona ugupima. Ese ni ukuri?

Ibyo byari ukuri mu ntangiriro z'iki cyorezo, ariko ubu gupima byagerejwe buri wese utuye muri NH wifuza gupimwa.

Numvishe ko hari itsinda rishizwe gupima COVID-19 ryimukanwa. Ni gute nakwiyandikisha?

Itsinda ry'abaganga ba Metropolitan ryita ku ndwara (MMRS) ni itsinda ryuzuye ry'abakorerabushake, batanga ibikoresho byifashishwa mu gupima ku buryo bwimuka ku matsinda yatoranyijwe muri Leta.

Narapimwe nuko bwirwa ko nzabona ibisubizo byange binyuzwa muri laboratware ya NH yita ku buzima rusange bw'abaturage (NH PHL). Ni gute nzabona ibisubizo byange?

Niba warapimwe n'umuganga wawe, abatanga ubuvuzi bwihuse, cyangwa se ibitaro, uwagufatiye ibizamini niwe ugomba kuguha ibisubizo byawe bya COVID-19. NH PHL na DPHS Nibo bonyine bashobora gutanga ibisubizo bya COVID-19 ku bantu batanga serivisi z'ubuzima babisabye.

Laboratware z'ubucuruzi hamwe na laboratware ya NH ishinzwe ubuzima rusange bw'abaturage (NH PHL) bazatanga amakuru y'ibisubizo ku bantu babisabye gusa.

Ni ryari Laboratware NH ishinzwe ubuzima rusange bw'abaturage (NH PHL) itangira ibisubizo?

Ibisubizo bitangwa mu gihe kingana ***nibura*** n'amasha 72 uhereye igihe NH PHL yakiriyeho ibizamini. Ibi bisobanura ko niba warapimwe kuwa mbere, ibizamini byawe bishobora kutagera kuri NH PHL kugeza kuwa kabiri. Ibisubizo byawe bizaboneka kuwa Gatanu (laboratware y'ubucuruzi nayo niko ibyemeza).

Ninde nshobora guhamagara ngo mpabwe ibisubizo byange?

Ni ngombwa kumenya ko uzahamagarwa gusa n'umuntu wasabye ko upimwa. Laboratware z'ubucuruzi hamwe niya NH PHL bazatanga amakuru y'ibisubizo ku bantu batanga serivisi z'ubuzima gusa, kandi ntibazatangariza ***amakuru y'ibisubizo ku bantu basanzwe babahamagara***.